Amatorapozo Rapport

MUKAMANA Joséphine
IKIGANIRO CY'AMASHYIRAHAMWE
MIJEUMA

Kigali, kuwa 5 Werurwe 1996

Bwana Minisitiri w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe
KIGALI

Binyujijwe kandi bimenyeshejwe
Ushinzwe Itangaza-Makuru
muri MIJEUMA
KIGALI

BAYINGANA Bonfils

Impamvu:
Raporo y'ihugurwa
ry'abatanga ibiganiro

Bwana Minisitiri,

Nishimiye kubagezaho Raporo y'ihugurwa ry'abatanga ibiganiro bihita kuri Radio-Rwanda muri za Ministeri no mu Bigo bya Leta; ryabereye mu "KIGO IWACU" ku KABUSUNZU, kuva kuwa 26 kugeza kuwa 28 Gashyantare 1996, riteguwe na Ministeri y'Itangazamakuru.

Nkuko bigaragara muri iyo raporo, harimo:

- Amagambo yahavugiwe n'Abakuru ba Minisiteri y'Itangazamakuru;
- Inyigisho zahawe abari mw'iguhurwa;
- Ibibazo by'abari mw'ihugurwa n'imirimo yo mu matsinda;
- Ibisubizo twahawe n'abakoze ihugurwa;
- Ibyemezo twafashe;
- Ibyifuzo bijyanye n'imigendekere myiza y'akazi kacu.

Nkaba rero nizeye ko muzarushaho kudutera inkunga kugirango umurimo wacu utoroshye utere imbere, kandi nshimira Ministeri y'Itangazamakuru igitekerezo cyiza yagize iduhugura kuko byari bikenewe, nanizera ko natwe tutazabatenguha. Twifuzaga ko banatugezaho kopi y'inyigisho twahawe kuko ntazo twatahanye kugirango tujye twiyibutsa.

Mugire Amahoro.

MUKAMANA Josephine.

<u>Bimenyeshejwe:</u>

- Bwana Ministiri w' Itangazamakuru
  <u>KIGALI</u>
- Bwana Umujyanama mu bya Politiki n'Imirimo muri MIJEUMA
  <u>KIGALI</u>
- Bwana Umuyobozi Mukuru w'Imirimo muri MIJEUMA
  <u>KIGALI</u>
- Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko muri MIJEUMA
  <u>KIGALI</u>
- Bwana Umuyobozi w'Imikino muri MIJEUMA
  <u>KIGALI</u>
- Bwana Umuyobozi w'Amashyirahamwe muri MIJEUMA
  <u>KIGALI</u>
- Umuyobozi w'Imbyino-Imyidagaduro n'Imikino Gakondo-MIJEUMA
  <u>KIGALI</u>

# RAPORO Y'IHUGURWA RY'ABATANGA IBIGANIRO

# KURI RADIO-RWANDA

# GASHYANTARE 1996

---

Kuva kuwa 26 kugeza kuwa 28 Gashyantare 1996 ku kigo "IWACU" ku KABUSUNZU, habereye ihugurwa ry'abatanga ibiganiro kuri RADIO-RWANDA bo muri za Minisiteri n'Ibigo bya Leta; ryateguwe na Minisiteri y'Itangazamakuru. Ryatangijwe n'Umuyobozi w'Imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Itangazamakuru.

## I. Icyo ryari rigamije:

Iryo hugurwa ryari rigamije kudukangurira "UBURYO BWO GUTUNGANYA UMURIMO WACU:

* Baduhugura mu murimo dushinzwe w'Itangazamakuru
* Batwereka uburyo buboneye bwo gutegura no gutanga ibiganiro kuri Radio-Rwanda.

Kugirango inshingano ikomeye twahawe yo : "Gusobanurira abaturage Programu ya Guverinoma" igerweho buri wese mu rwego rw'ibirebana na Minisiteri cyangwa Ikigo ahagarariye:

1° Tumenya ibyo abo tubwira bakeneye: ibibafitiye akamaro
2° Tumenya guhuza inshingano yacu n'ibikenewe : kuba abavugizi ba Guverinoma
3° Tumenya uburyo twakoresha ngo duhuze n'ibikenewe:

- gukora ubushakashatsi ngo tumenye akamaro ibiganiro dutanga bifitiye ababihabwa;
- kuganira n'ababyumva;
- guhuza ibiganiro n'igihe tugezemo;
- kuvuga icyo usobanukiwe, uhugukiwe;
- kujya inama n'Abayobozi bacu ngo tudacisha ukubili n'inshingano zacu.

## II. INYIGISHO TWAHAWE

### A. KUMENYA NO GUSOBANURA POLITIKI Y'ITANGAZAMAKURU MU RWANDA :

Yatanzwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo muri MININFOR. Laurent MULINDABIGWI.

- Impamvu: yari ukugirango tumenye Politiki y'Itangazamakuru mu Rwanda, nkuko yemejwe na Guverinoma y'u RWANDA.

- Iyo politiki iha ubwisanzure buri muturage;
- Yubahirizwa hakurikijwe ibyabaye mu Gihugu;
- Guverinoma yanze kuniga Itangazamakuru;
- Gukosora amakosa akorwa mw'itangazamakuru.

* Ingingo z'ingenzi zigize politiki y'itangazamakuru:

1. Gushimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda;
2. Kuba umusemburo w'Amajyambere;
3. Kumenyekanisha ibikorwa bya Leta;
4. Gushimangira demokrasi;
5. Kugera ku baturage bose;
6. Kwita ku bibazo by'abaturage;
7. Kubaho ingamba zihamye zo gutangaza amakuru hanze y'Igihugu;
8. Gushyigikira umuco w'Igihugu n'imyidagaduro;
9. Ligomba guhabwa agaciro;
10. Gushyiraho akanama k'abahannyi (ku barengera umwuga w'itangazamakuru)

* <u>Icyitonderwa</u>: Muri izo ngingo hari izigiye zireba by'umwihariko buri rwego rw'amajyambere.
1. Abanyamakuru
2. Abayobozi
3. Abaturage
4. Guverinoma

* <u>Ibisobanuro kuri izo ngingo mu birebana na buri rwego</u>

1. <u>Gushimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda</u>

<u>Umunyamakuru agomba kuba inyangamugayo</u>:
. yitangira gucengeza inyigisho z'urukundo nyuma y'intambara, ahamagarira abaturage kugera ku bumwe n'ubwiyunge:
- yirinda ibigamije guteranya amoko;
- atahura, akanamagana ibishora abaturage mu ntambara: nk'ironda-moko n'ironda karere.....
- asobanura neza amateka y'igihugu
- bishobotse gukoresha amarushanwa y'indirimbo n'ikinamico byazana ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda.

2. <u>Kuba umusemburo w'amajyambere</u>:

- Umunyamakuru afite uruhare runini mu gushishikariza abaturage kwita ku mirimo;

- no guha rubanda urubuga rwo kugaragaza ibyifuzo n'ibitekerezo byabo.

3. <u>Leta igomba kumenyekanisha ibikorwa byayo</u>:

- Abayobozi bagomba kwakira kenshi umunyamakuru kugirango amenyekanishe imicungire y'ibya rubanda;
- Gushyiraho abanyamakuru babifitiye ubushobozi;
- kudafatira ibinyamakuru; (censure des journaux)
- kudafunga abanyamukuru kubera ibyatangajwe.

4. <u>Gushimangira demokrasi</u>:

- hagomba kubaho ubwisanzure bw'itangazamakuru mu nzego zose z'igihugu.
- kugira uburenganzira bwo gushinga ibinyamakuru mu nzego zose z'igihugu;
- uruhare rw'ubutabera ku banyuranya n'amategeko y'itangazamakuru.

5. Kugera ku baturage bose:

- Abaturage bagomba kumenya no kumenyeshwa ibibera mu gihugu.

6. Kwita ku bibazo by'abaturage

- Abanyamakuru bakurikirira hafi ibibazo by'abaturage
- Baha urubuga abafite ibitekerezo ngo bashobore kubigaragaza
- Bagomba kugera ku baturage aho bari hose.

7. Kubaho ingamba zihamye zo gutangaza amakuru hanze y'igihugu:

- hagomba kubaho Ibiro Ntangazamakuru bihamye (Agence Rwandaise de Presse: )
- guhishura ukuri, bisaba uburenganzira bw'abatara amakuru.
- kwohereza intumwa mu mahanga
- kumenyesha z'Ambassades Amakuru y'u Rwanda
- kwohereza inyandiko mu mahanga zigaragaza isura y'u Rwanda.

8. Gushyigikira umuco w'igihugu n'imyidagaduro:

- gukoresha amarushanwa atuma ryitabirwa
- guha agaciro umwuga w'itangazamakuru
- gukoresha kenshi amahugurwa y'abanyamakuru
- gushyiraho ishami ry'inyigisho z'itangazamakuru muri UNR (KAMINUZA)
- gutanga ibihembo mw'ipiganwa ry'itangazamakuru
- Kuruhura abaturage babagezaho ibyo bakeneye bitabavunnye

9. Guhesha agaciro itangazamakuru

- gufata ibyemezo bihamye bizitira abanyuranya n'inshingano nyazo z'itangazamakuru.

B. IBITANGAZAMAKURU BIRI MU RWANDA N'URUHARE BIFITE MU KUYOBORA IMIBEREHO Y'ABANYARWANDA:

1. IBINYAMAKURU BIRI MU RWANDA: KARAKE MWEUSI ukora mu

MVAHO
- Hari Radio ya Leta
- Hari Télevisiyo ya Leta
- Hari n'Ibinyamakuru byandikwa :
  - IMVAHO ya Leta
  - Iby'abikorera ku giti cyabo

. KUKI RADIO YUMVWA?

- kubera ubushobozi ifite bwo kumvikana (puissance)
- kubera Abanyamakuru bayo batara amakuru neza bakanayageza ku bayumva neza.
- kubera uko inonosora amakuru
- kubera akamenyero abayumva bafite ko gukurikira gahunda zayo.

. IBINYAMAKURU BYANDIKWA :

- kubera ibirimo
- kubera ababyandika

2. a) **IBYIZA BYA RADIO : (AVANTAGES)**

- Igera ku baturage benshi : yumvwa na beshi
- Wayumvira aho uri hose
- Yumvwa na buri wese : nta mashuri ngombwa ngo uyumve.

b) **IBIBANGAMIRA ABAYUMVA : (DESAVANTAGES)**

- Kutayumvira aho ushakiye : igira programu ntarengwa yubahirizwa ku gihe
- Inkuru yagucitse iba yahise
- Igirana uruhurirane rw'amasaha n'andi maradiyo (concurence)

. **TELEVISION :**

a)
- Ifite uruhare runini cyane mu makuru n'ibikorwa mu gihugu
- Usa nk'uhibereye
- Amashusho araducengera
- Irebwa n'abantu benshi rimwe

b)
- Iyo ikoreshejwe nabi irashukana : kubeshya abaturage

- Mu Rwanda igera hake cyane kubera ubushobozi buke bwo kuyigura
- Kutagera kure
- Kutagera mu bibaya
- Yihariye Monopole

. Hakorwa iki ?

- Kugerageza kuyegereza abaturage, byaturuka ku gusonera abayishaka (Mu mashyirahamwe)

. IBINYAMAKURU BYANDIKWA :

a)
- Ugisomera aho ushakiye
- Kigira référence (N° yagucitse ushobora kuyibona)
- Bigira impact ku basomyi (iyo byanditse neza bigira akamaro)

b)
- Kudashobora kubigura kubera ko bihenda
- Kandi bihora bigurwa
- Ntibitangaza inkuru bitangaza ibitekerezo
- Nta Biro Ntaramakuru bihari bituma Abanyamakuru bakora neza
- Nta binyamakuru bifite urupapuro rwihariye kuri buri cyiciro ngenerwa cy'abaturage (abana, abategarugori)...
- Kutamenya gusoma no kumva icyo usoma
- Kutamenya indimi nyinshi

. HAKORWA IKI NGO IBINYAMAKURU BIGIRE URUHARE MU MIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE ? MINEPRISEC - UNICEF - ABANYAKURU.

1° Gukangurira abana gusoma

2° Kworoherеza abanyamakuru : imisoro, ibiciro by'ibinyamakuru

3° Kugira inyungu ntarengwa ku binyamakuru (plafond)

4° Kugira ubushobozi bwo kugeza ibinyamakuru ku baturage

5° Guhuza amakuru na Programu (MINEPRISEC)

6° Guhugura no kwigisha abanyamakuru (Formation ishingiye

ku bumenyi bw'uyihawe)

7° Amahugurwa ubwayo ntahagije, abayahawe bagomba kugira nabo umutimanama

8° Uruhare rw'abanyamakuru barangwa n'ukuri

9° Kuvuga neza ibitekerezo by'abaturage

10° Kutavuga ibibi gusa, ukavuga n'ibyiza

11° Kugira ibinyamakuru by'ingeli zose (abana, urubyiruko, abategarugori......)

12° Kugera mu makomini no mu masegiteri

13° Gukangurira abafite amafaranga kwamamaza ibikorwa byabo mu binyamakuru (Publicité)

14° Ibigo byigenga bigomba kugira uruhare mu mibereho myiza y'abaturage.

C.**PROGRAMU YA GUVERINOMA Y'UBUMWE BW'IGIHUGU** : (**Laurent MULINDABIGWI**)

- Iyo programu igenderwaho n'abali mu gihugu bose kuko ikubiyemo ibigomba gukorwa mu nzego zose z'amajyambere.

- Yashyizweho kuwa 19 NYAKANGA 1994; ikaba irimo ibigeza abaturage ku mibereho myiza.

- Mu kuyimenyekanisha, Guverinoma yifashisha Itangazamakuru : Radiyo : Mu makuru, mu biganiro....

  Akaba ariyo mpamvu abatanga ibiganiro kuri Radio-Rwanda babifitemo uruhare runini, buri wese muri Minisiteri cyangwa ikigo cya Leta akoramo.

. Iyo Programu igizwe n'ingingo munani (8) zikurikira :

1° Kugarura umutekano n'amahoro mu Gihugu

2° Kuvugurura ubutegetsi bwite bwa Leta : Perefegitura, Komini, Segiteri, Selire.

3° Guharanira ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

4° Gucyura no gutuza impunzi
- Gusubiza mu byabo ababivanywemo n'imvururu n'intambara

5° Guharanira imibereho myiza y'abaturage, bose muri rusange no kwita ku bibazo by'abatagira kivurira kubera intambara : imfubyi, abapfakazi n'ibimuga.

6° Kuzahura ubukungu bw'igihugu (amashyirahamwe...)

7° Kuvugurura Politiki y'ububanyi n'amahanga.

8° Gushimangira Demokarasi mu Rwanda

. Aha tukaba twarahawe ishingano ikomeye yo kuba abahuza ba Guverinoma n'abaturage, tuba imiyoboro Leta yifashisha kugirango ibagereho inabagezeho gahunda y'ibikorwa byayo muri rusange no ku buryo bw'umwihariko.

. Kubera ibyo rero, dusabwe :

- Kutaba abakozi bo mu biro ahubwo tugomba gusanga abaturage, tukamenya ibibazo byabo. Ibyo dushoboye gukemurira hamwe tukabikemura, ibidashobotse tukabishyikiriza abayobozi babishinzwe bakabishakira umuti.

- Kubagezaho ibiganiro byubaka, bigaragaza isura nyayo ya Guverinoma : tukabasobanurira ibikorerwa mu gihugu, tunabakangurira kwitabira amajyambere no kugera ku bumwe n'ubwiyunge.

. Ibi rero bigasaba ko twahabwa ibikoresho nkenerwa n'uburyo bwo kugera ku baturage (moyens de déplacement) kugirango dushobore gutunganya neza umurimo wacu.

**D. <u>URUHARE RWA RADIYO-RWANDA MU GUKANGURA NO KUYOBORA ABANYARWANDA</u> : (Emmanuel RUSHINGABIGWA Radio-Rwanda)**

. <u>Akamaro kayo</u> :

<u>Ifite inshingano</u> : yo gushyigikira ibikorwa bya Leta ikoresheje ubu buryo :

. Amakuru (informer)
. Ibiganiro (Eduquer)
. Ikinamico - Indirimbo (Divertir)

. <u>Kugirango ikore neza igomba</u> :

. Kugira ubushobozi bwo kugera ku baturage (puissance)
. Kugira abakozi babishoboye : ubumenyi, ubushishozi...
. Kwita ku ndimi zikoreshwa mu gihugu : Ikinyarwanda, igifaransa, icyongereza, igiswahili....

. <u>Ibyo bikajyana n'inyigisho</u> :

**E. <u>PROGRAMU YA RADIO-RWANDA N'UBURYO IKWIYE KWUBAHIRIZWA</u>:YATANZWE NA NTAGANZWA ALPHONSI, umukozi wa Radio-Rwanda.**

. <u>Iyo programu iteye ite</u> ?

. Irangwa n'isano iri hagati ya Radio-Rwanda n'Abayumva : (philosophie de la Radio-Rwanda).

. Yigisha ubumwe

. Ishishikariza umutekano

. Ikangurira amajyambere

. Itoza kugira Imibereho myiza

. N'ubuzima bwiza.

- Izo nshingano izuzuza ikoresheje ibiganiro bihita kuri Radio: byaba ibikorwa n'abakozi bwite ba Radio-Rwanda, (Producteurs internes) cyangwa ibikorwa n'abakozi ba za Minisiteri cyangwa ab'Ibigo bya Leta (Producteurs externes)

- Aha abatanga ibyo biganiro bagomba kuba babifitiye ubushobozi : Kumenya icyo tuvuga
  Kumenya igikenewe n'abo dukorera

- Ibyo byatumye duhabwa n'inyigisho:

F. UBURYO BWO GUTEGURA IKIGANIRO KURI RADIO-RWANDA:

Yatanzwe na Mme Victoria NGANYIRA Umukozi kuri Radio-Rwanda

1. Gukora gahunda y'ibiganiro:

- Bikurinda gukora ikiganiro huti huti
- Bituma ushobora gushaka ibigufasha: Documentation
- Bityo bikaturinda guhemukira abo tubitegurira
- Bigatuma batugirira icyizere.

. Ushobora gukora gahunda y'igihembwe, iy'amezi atandatu cyangwa iy'umwaka bitewe n'ibikenewe.

. Mubyo udashobora gukorera kuri gahunda (bitunguranye) ugomba kwitondera gushaka uwo uza kubaza, uwo muganira.

2. Ubwoko bw'Ibiganiro: FORMES

a) Magazine: Eléments sonores

Uba uri kumwe n'uwo cyangwa abo muganira ubabaza bakagusibiza.

. Kumenya ikibazo ukoraho ikiganiro uwo kireba
  - kirareba nde ako kanya?: Abarwayi.....
  - kirareba nde ku buryo buziguye?: Abaturage, Abategetsi.....
  - Abo kigiraho ingaruka ni bande?: Abacuruza ibiribwa ku nzira.....

b) Documentaire: Umunyamakuru ashobora kuba ari wenyine cyangwa ari kumwe n'undi usobanukiwe ku nyigisho ashaka gutanga + Eléments. (inyigisho zo mu mutwe: Théories)

Urugero: kwigisha igihingwa cy'umwumbati: hagomba umunyamakuru n'inzobere mu by'ubuhinzi (Technicien

Agronome).

3. Ibice by'ikiganiro:

. INTANGIRIRO: Introduction

- Kwibutsa muri make inyigisho iherutse (référence)
- Kwerekana icyo mugiye kuganiraho (thème du jour)
- Abali bwumvikane mu kiganiro
- Uwateguye ikiganiro.

. IGIHIMBA: Fond

- Ibisobanuro by'inyigisho ushaka gusohoza
- Ipfundo ry'ubutumwa bwawe
- Indirimbo

. IHEREZO: Umwanzuro (Conclusion)

- Incamake y'ubutumwa bwawe
- Umugambi wafatwa
- Kurarikira ikiganiro cy'ubutaha....

. ICYITONDERWA:

- Kwitondera gupfa kuvuga ibyo ubonye: kwita kugisigira inyigisho abo wayikoreye
- Kwirinda gukoresha amagambo akabije atumvwa na bose (inshoberamahanga)

- Kwitondera gusoma kuri micro: gusoma witonze ushize impungenge, gusoma wegutse kandi utaryagagura amagambo;

- kumenya aho ushyira Elément, ibisobanuro n'indirimbo;

- Gukoresha indirimbo itoranyijwe, ijyana n'intego y'nyigisho.

III. IBIBAZO BYABAJIJWE N'IBISUBIZO:

Nyuma ya buri nyigisho twagiraga n'umwanya wo gutanga ibibazo bijyanye n'inyigisho tumaze guhabwa:

1. Kuki Minisitiri iyo agiye mu rugendo mu mahanga adaherekezwa n'ushinzwe itangazamakuru muri Minisiteri akajyana n'uwo kuri Radio-Rwanda gusa kandi ubusanzwe nta munyamakuru utarira undi inkuru ikindi byagombye kumubera uburyo (occasion) bwo kumenyekanisha Minisiteri akorera hanze?

Igisubizo: Minisiteri ubwayo niyo yakwifatira ibyemezo ku mukozi wayo, kugirango ashobore kurangiza inshingano ze muri Minisiteri akorera, haba mu gihugu imbere cyangwa hanze yacyo.

2. Ntibyashoboka kugira abahagarariye itangazamakuru mu nzego zo hasi (Komini) bajya bunganira urihagarariye mu rwego rwa Perefegitura?

Igisubizo: Byaba byiza kuko byakwongera abanyamakuru mu cyaro, bityo inkuru zikajya zirushaho gutangazwa zigishyushye. Icyo gihe byaba ngombwa ko baba ari abakora indi mirimo babyitangira atari abakozi ba ORINFOR bakajya bahabwa agahimbazamusyi. Baba ari abungirije usanzwe ayihagarariye muri Perefegitura.

3. Twashatse no kumenya aho ishyirahamwe ry'abanyamakuru rigeze?

Igisubizo: Hagiye gushyirwaho Ibiro n'Aderesi byaryo kugirango bijye byorohereza abanyamakuru gusohora ibinyamakuru byabo, gusohora revues de presse (bibliothèque)

4. Gusubiza mu byabo abahungutse ntibizatera umutekano muke?

Igisubizo: Ibyo bisaba uruhare rw'ubutabera n'urw'abashinzwe umutekano kugirango bikorwe mu nzira nziza ntawe uhutajwe.

5. Ku byerekeranye n'ubucuruzi bujyanye n'ihindagurika ry'ibiciro twifuje kumenya uruhare rwa Leta mu kurengera abaguzi?

Igisubizo: Ihindagurika ry'ibiciro rijyana n'uko umusaruro wifashe, kandi abagenzura ibiciro (Inspecteurs du commerce), bafite inshingano yo guhana abishyiriraho ibiciro uko bashatse.

6. Twifuje no kumenya niba igihe cyarageze cyo guhamagarira abanyamakuru kunenga Guverinoma?

Igisubizo: Abanyamakuru bagomba kubikora mu buryo bwubaka kugirango niba hari ibitagenda bafashe Abayobozi kubikosora, bitabereyeho guharabika.

7. Twifuje kumenya akazi k'Attaché de Presse n'ak'ushinzwe Relations Publiques muri Minisiteri?

Igisubizo: Attaché de Presse ni umuhuza wa Minisiteri n'abandi akurikirira hafi ibikorwa bya Minisiteri, akanabimenyekanisha bibaye ngombwa.

- Relations Publiques: ashinzwe kwerekana isura nziza ya

Minisiteri:
- kwakira abashyitsi
- Kumenya ibyo bifuza
- Kubayobora (Protocole)

N.B: Hari ibibazo byinshi byabajijwe, ariko sinshoboye kubirondora byose

IV. IMIRIMO YO MU MATSINDA:

Twize kuri zi ngingo zijyanye n'inyigisho twahawe:

1. RADIO RWANDA mu biganiro byayo yubahiriza ite politiki y'itangazamakuru?

- Ibikorwa neza?
- Ibikorwa nabi?
- Ibitaragerwaho?

2. Mudukorere umushinga w'ikinyamakuru cy'abana?

- Aho amafaranga yaturuka?
- Mwakwandikira bande: -imyaka
  - igitsina
- Abana bari ahantu hanyuranye mwagenza mute ngo mubagereho bose?
- Ibindi byakorwa ni ibihe?

3. Musesengure bihagije ingingo ya 4 (Programu ya Guverinoma)

- gucyura no gutuza impunzi
- gusubiza mu byabo ababivanywemo n'imvururu n'intambara
  . Guhera ku bibazo bibabaje cyane, byabyara ingingo umunyamakuru yakuramo ibiganiro bihitishwa kuri Radio-Rwanda!

4. Umurimo wa Chroniqueur ni uwuhe?

a) - Ingorane ahura nazo ni izihe?
   - Zacyemurwa zite?

b) - Imikoranire ya Chroniqueur n'Abayobozi ba Minisiteri ni iyihe?

6. Umwitozo wo gukora gahunda y'Ibiganiro:

- Gukora gahunda y'ibiganiro by'ubuhinzi kuva mu kwezi kwa 6 kugeza mu kwa 8.

N.B.: Kubera ko nta gihe gihagije twari dufite kandi imirimo yari myinshi, ntitwashoboye kubihuriza hamwe byose, kimwe n'ibirebana n'ibibazo byose twabajije n'ibisubizo twahawe, bizagaragara muri raporo Ministeri y'Itangazamakuru izaboherereza kuri iri

hugurwa.

V. UMUBONANO WA MINISTIRI W'ITANGAZAMAKURU N'ABARI MW'IHUGURWA

A. Mw'Ijambo yatubwiye yadusabye ibi bikurikira:

Akazi kacu ni akahe ?

- Kuba abahuza ba Guverinoma y'Ubumwe bw'Igihugu n'Abaturage muri Ministeri cyangwa Ibigo dukoramo;
- Tubasobanurira programu ya guverinoma: tubumvisha ko aribo bagomba kuyishyira mu bikorwa;
- Kuvuga ibyagezweho kugirango bayigirire icyizere;
- Kumenya ukuri kugirango tutavuga ibyo tutazi neza;
- Kwibanda ku bintu bigaragara, bifatika;
- Kumenya neza ibikorwa bya Ministeri cyangwa ikigo dukoramo kugirango dushobore kubisobanura bibaye ngombwa;
- Kumenya ibivugwa kuri Ministeri cyangwa ikigo dukoramo ku buryo twabibeshyuza bibaye ngombwa;
- Gukoranira hafi na Ministeri y'Itangazamakuru ;
- Kumenya umwuka Abaturage bafite ku bikorwa byacu;
- Ministeri y'Itangazamakuru izihatira guhora ihuza kenshi abashinzwe Itangazamakuru muri za Ministeri no mu Bigo bya Leta.

B. Ibibazo twamubajije byari nk'ibyifuzo yatugereza kuri Guverinoma cyangwa ku babishinzwe:

Yatwemereye ko azadusohoreza ubutumwa kandi nawe atumenyesha icyo abitekerezaho:

1. Twifuje ko twajya tumenyeshwa gahunda y'Ibikorwa bya Ministeri cyangwa Ibigo dukoramo kugirango natwe dushobore gukora gahunda yacu tubishingiyeho,no kubikurikirira hafi;
2. Kudufasha kumvisha abayobozi bacu aho dukora ko akazi kacu atari ako mu biro, kandi bakaduha ibikoresho nkenerwa n'uburyo bwo kugera ku baturage kugirango dushobore gutunganya umurimo wacu no kugirirwa icyizere;
3. Ku byerekeye kubonana n'abategetsi bacu igihe dufite ibyo tubabaza:

   a) Hari abo dukorana dushobora kubabura tubareba;

b) Hari n'abandi bo hanze bashobora kutatwakira kubera kutatumenya.

Igisubizo: Yatwemereye ko azabidufashamo asobanurira bagenzi be, agaciro k'umurimo wacu kandi natwe adusaba gushyiraho akacu duhatanira ko imbogamizi zitudindiza aho dukora zabonerwa umuti, tutarambirwa kuzigeza ku bayobozi bacu. Kandi tukagira ikarita ituranga ya ORINFOR.

4. Ku byo gushyiraho ishami ryigisha iby'Itangazamakuru muri KAMINUZA Y'u RWANDA.

- Yatubwiye ko biteganyijwe muri uyu mwaka utangiye.

## VI. UMUHANGO WO GUSOZA IHUGURWA :

IBYEMEZO N'IBYIFUZO BY'ABARI MW'IHUGURWA

a) 1. IBYEMEZO:(Résolutions)

Twebwe Abanyamakuru batanga ibiganiro muri Ministeri no mu Bigo bya Leta, duteraniye mw'Ihugurwa ryabereye ku Kabusunzu kuva kw'itariki ya 26 kugeza kuya 28 Gashyantare 1996;

TWIYEMEJE

1.1. Kumvikanisha Programu ya Guverinoma mu Banyarwanda bose.

1.2. Kurushaho kuba abahuza b'Abayobozi n'Abaturage bashinzwe kuyobora, duha ijambo abaturage kugirango bagaragaze ibibazo n'ibitekerezo byabo.

1.3. Guhesha agaciro umurimo wacu, twumvisha Abayobozi bacu uruhare rw'Itangazamakuru mu mirimo ya Ministeri n'Ibigo bayobora.

1.4. Gushyira mu bikorwa ibyo twigishijwe byose muri iri hugurwa:

- dukurikiza politiki y'Itangazamakuru mu RWANDA, ibyo bikagaragarira mu biganiro dutegura binyura kuri Radio-Rwanda;

- turushaho gukangura no kwigisha abanyarwanda.

2. IBYIFUZO: (Recommandations).

Kugirango ibyo byemezo tubashe kubishyira mu bikorwa nta nkomyi;

TWIFUJE KO

2.1. Ubuyobozi bwacu bwaduha ibikoresho bya ngombwa mu kazi kacu kandi bakatworohereza n'ingendo.

2.2. Abayobozi bagomba kumva ko umunyamakuru atari umukozi wo mu biro, kuko nta tangazamakuru ryo mu biro ribaho.

2.3. Inzego zose z'ubuyobozi bw'Igihugu n'Ibigo bya Leta zikwiye gusobanura neza inshingano z'ushinzwe itangazamakuru (Attaché de presse) n'ushinzwe ibiganiro (chroniqueur) ndetse n'ushinzwe kwakira abashyitsi (Relations Publiques) kuko kenshi iyo mirimo ikunze kwitiranywa.

2.4. Abayobozi b'inzego dukoreramo bakumva neza inshingano, agaciro n'uburemere bw'akazi kacu.

2.5. Mu ngendo z'akazi, Minisitiri cyangwa abayobozi b'Ibigo bakora bajya bajyana n'umunyamakuru wabo.

2.6. Kumenyeshwa gahunda z'akazi za Ministeri n'Ibigo dukoramo ndetse n'imishyikirano n'amanama ahabera kugirango dushobore kubikurikira.

2.7. Umunyamakuru yagenerwa agahimbazamusyi kubera gukora mu masaha adasanzwe y'akazi.

2.8. Hakwiye kujyaho Ikigo cyakwitwa Centre National de Production cyajya gitunganyirizwamo ibiganiro mbere y'uko bijya kuri Radio-Rwanda.

2.9. Amahugurwa nk'aya yajya aba kenshi kandi agahabwa umwanya uhagije.

b) Ijambo ryo gusoza :

Ihugurwa ryasojwe n'Umuyobozi w'Imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Itangazamakuru, nkuko ari nawe wari waritangije yaduhamagariye kugenda tugakorana umwete, tugashyira mu bikorwa ibyo twize tutizigamye kuko umurimo wacu wo guhuza guverinoma n'Abaturage ukomeye kandi ugomba ubushishozi. Turi intumwa za Guverinoma, tukaba n'iz'abaturage. Leta nayo ntizahwema kudutera inkunga ngo dushobore gusohoza neza inshingano zacu. Tukitabira natwe kugirana ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati yacu uko dusangiye umurimo, no hagati y'abayobozi bacu ba hafi kugirango n'inkunga iyo ariyo yose twabona ijye igira aho ihera bityo igire akamaro.

MUKAMANA Joséphine